

Emerita

*Venir m'expliquer comment il vous a fallu
7 mots pour faire ce travail etc.
5/12/80*

Amahurwa abili y'Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino yabereye mu

Ruhengeri (MUSANZE).

MINISTÈRE DE LA JEUNESSE

B.P. 1044 KIGALI

Thugurwa rya 1 : Kuwa 23 kugeza 25 Nyakanga 1979

* Kuva aho abo bayobozi b'Urubyiruko n'Imikino mu makomini batangiliye uwo mulimo ntibigeze bongera guhugurwa uretse formation gusa bavanye i NYANZA y'igihe gito nayo; niyo mpanvu rero umujyanama mu biro by'ubuyobozi bw'urubyiruko muli Prefectura (Coopérant wa SUCO) yateguye iryo hugurwa rya mbere afatanyije na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino kandi ayo mahugurwa akazajya akorwa buli gihe.

* Abali muli iryo hugurwa ni :

- Coopérant SUCO ROLAND Sage, Conseiller mu biro by'Urubyiruko

n'Imikino mu Ruhengeri

- Encadreur w'Urubyiruko n'Imikino muli Prefectura
RUFOKO Emmanuel

- Intumwa ya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino
Maître E.P.S MYASIRO Antoine

- Secrétaire mu biro by'Urubyiruko n'Imikino mu Ruhengeri,
UGIRASE Zakiya

- Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino b'amakomini 14

Abali badahali ni abayobozi bo mu makomini ya BUTARO na NYAMUGALI

a) Mu bayoboze iryo hugurwa Prefe yagombaga nawe kuhaza nuko indi milimo iramubuza aliko Sous Prefe MUKANKWAYA Margarita ushinze ibibazo by'urubyiruko n'Imikino muli iyo Prefectura yaje gufatanya nabo abasobanulira ibyo bagiye bamubaza byerekeye urubyiruko afatanyije na Coopérant wa SUCO naho intumwa ya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yasobanuye ibyerekeye Sports.

Dore uko Programu y'ibyigwa yali iteye :

1. Kumenya Umulimo umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino ashinzwe.
2. Gukulikiranya uburyo buli wese akoresha kugira ngo akazi ke kagende neza
3. Kwiga ubuhanga bwo gucengeza, gukangura urubyiruko ku buryo bunonosoye
4. Ukuntu bakoresha mu gukangura abantu, bungurana ibitekerezo kugira ngo bagere ku bikorwa bitsura amjyambere cyane cyane ibyerekeye ubufatanye
5. Uburyo bakoresha inama z'urubyiruko rutuye muli segiteri no mu rwego rwa Komini.
6. Ubuhanza muli za Sports byatanze n'umwalimu w'Imikino woherejwe na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.


b) Mu bibazo by'ingenzi byasubijwe Coopérant wa SUCO yasobanuye intego Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yiyemeje yo kwongera umusaruro w'Igihugu bakulikije iyo migambi ikulikira ya plan ya kabili y'Amajyambere 1977 - 1981 : - Guhuza imbaraga z'abaturarwanda mu kwongera umusaruro

- Gushyiraho inzego (ibigo) zo gutsura amajyambere ku buryo urubyiruko rugomba kwihugura muli ibyo bigo rwiga ibyo kujijuka.
- Kurushaho gusukura ibitunga umubili
- Kuvana u Rwanda mu bwigunge n'andi mahanga

c) Umwana wa Su-Prefe MUKANKWAYA Margarita yasobanuye ibibazo bimwe na bimwe bibangamiye ba Encadreurs :

- Abategetsi ba komini binubira ko ba Encadreri badatera iperur kimwe n'abandi bakozi.

.../...



B.P. 1000 KIGALI

R.E. N. 118

- Mumilimo bashinzwe bagomba kureba ibyihutirwa.
 - Kwihutira gushinga za groupements z'urubyiruko
 - Kwigisha abaturage cyane cyane urubyiruko animation isingiza M.R.N.D.
 - Guhitamo umukozi wahagaralira urubyiruko mu ihugurwa ry'abayobozi b'amashami y'umuryango utabara imbabare (C.R.R)
 - Itegurwa rya Exposition y'ubukolikoli bw'abana mu ^{ampera} mpera z'umwaka wa 1979 w'abana ali nawo w'Uburezi mu Rwanda.
 - Buli Komini igomba kugira ballet communal
- d)Uwatangaga inyigisho za sport yasobanuye uko ikibuga cya Volley Ball kigomba kumera n'ukuntu umupira ugomba guterwa, yongeye kubasobanulira Uko batera intoshya, disque na javelot.
- Uko ~~isobanurirwa~~ kubisobanulirwa bakoraga pratique sur le terrain

Ihugurwa rya 2 ryabereye ku MUSANZE kuwa kawa 25 kugeza kuwa 28 Gashyantare 1980

* Abaje mu ihugurwa ni 22 :

- Umuyobozi mukuru w'urubyiruko muli Prefecitura ya Ruhengeri RUFOKO Emmanuel
- Umuyobozi mukuru w'Urubyiruko muli Prefegitura ya BUTARE MWITABANGOMA J.M.V.
- Umuyobozi w'Urubyiruko muli S/Prefegitura ya Buberuka BIGIRUMWAMI Athanase
- Conseiller muli Encadrement mu Ruhengeri Bwana ROLAND Sage
- Conseiller muli Encadrement i BUTARE Bwana J.F. BRETON
- ▲ Abakozi 2 bo muli Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino NJANGWE na MUNYENSANGA
- Abayobozi b'Urubyiruko b'amakomini 15.

* Utaraje ni umuyobozi w'Urubyiruko wo muli komini CYABINGO kandi nta mpanvu bavuga yamubujije

* Ku murongo w'ibygwa hali ibikulikira :

- 1 - Kurebera hamwe amategeko yashobora kugenga amashyirahamwe y'Urubyiruko
- 2 - Kureba amwe mu mashyirahamwe yatangwaho urugero.
- 3 - Kwigira hamwe uburyo bw'ibarura rusange
- 4 - Imyitozo y'ibarura
- 5 - Sports.

* Amategeko y'amashyirahamwe agizwe n'ingingo 7 zikubiye mu kubitsa, kubikuzwa n'amabwiliza umubitsi akwiliye kwitaho.

Ingingo ya 1 : Abanyamuryango bagomba kumenya umutungo wabo

Ingingo ya 2-3: Umubitsi ntagomba kurenza amafaranga 500 mw'isandugu ye, arenzeho umubitsi aherekezwa n'abantu 2 akayabitsa muli Banki y'Abaturage, mw'isanduku y'ubwiteganyilize cyangwa muli Komini.

Ingingo ya 4 : Kubikuzwa ibihumbi 10 umubitsi aherekezwa n'Abanyamuryango 2 naho arenze ibihumbi 10 aherekezwa n'icya $\frac{1}{2}$ cy'abanyamuryango.

Ingingo ya 5 : Kubika no kubikuzwa hagomba nibura umukono w'abantu 2, uw'umubitsi wo ni ngombwa, hanyuma uwa Président uw'umwanditsi cyangwa

se abanyamuryango babili

Ingingo ya 6 : Umubitsi agomba gutorerwa nibura amezi 6 cyangwa umwaka umwe kandi ibyo yanditse mw'ikaye yabigenewe bikemerwa n'inama rusange.

Ingingo ya 7 : Buli munyamuryango azatanga amafranga atanu kugira ngo bagure amakaye n'amakaramu yo gukoresha.

Nyuma y'izo ngingo hakulikiyeho kuzigereranya n'izo bali basanzwe bakoresha mbere mu makomini yose, hataho ibibazo n'ibisobanuro byerekeye izo ngingo uko ali 7 buli wese akavuga icyo ashaka.

- * BIGIRUMWAMI Athanase wo mu Buberuka yasobanuye uburyo bworoshye amashyirahamwe y'urubyiruko yaheraho kugira ngo aje akora ibarura ry'amafranga (comptabilité) atanga n'ingero, ayinjiye n'aho yaturutse, ayasohotse n'icyo yakoreshejwe.
- * Ku byerekeye sport bayoborwaga na NJANGWE na MUNYENSANGA, bagiye bajya ku kibuga gukina ibyo bamaze gusobanulirwa : gutera intoshyo n'ingasire, Basket na Volley Ball Ingorane baje kubaza muli iryo hugurwa ni uko iyo bateraniye aho bakora imyitoto y'ibyo basobanuliwe ali nako bagera mu makomini bakabura ibikoresho kandi ugasanga Ministeri ibaza ba athlètes mu makomini kandi bataligeze babona uwo mukino na limwe.
- * Iyo recyclage abayobozi bose b'urubyiruko batashye itabashimishije n'ahantu bararaga ngo ntibashaka kuzifuza kwongera kuhakorera recyclages.

AVIS.

- * Amahugurwa nkayo ni meza kandi ni ingirakamaro. Ahasigaye ni ukugerageza kubikwiza mu maprefegitura yose n'iyi nta mujyanama (Conseiller wa SUCO) waba ahali umuyobozi mukuru muli Prefegitura yayobora ayo mahugurwa, kuko abayobozi b'urubyiruko mu makomini bajya babanza guhura n'umuyobozi wo muli Prefegitura mu nama bakabanza guhuliza hamwe ibibazo byabo n'ibyaba bibangamiye urubyiruko bayobora n'ingorane bahura nazo bityo bakabishyira ku murongo w'ibygwa, maze bagategura ingingo zizigwa muli session itaha bakaniyambaza ubuyobozi bw'izindi nzego zo muli Prefegitura nka Prefe, Agronome, Inspejiteri wa za koperative ndetse na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino Iyi ngingo rero nizeyeko mw'ihugura ry'abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino ribateganyilijwe hano muli Ministeri bazagira icyo babivugaho.
- * Mu ntego za Ministeri nk'uko Coopérant wa SUCO yabisobanuye, mu migambi ya plan ya kabili y'amajyambere uko yabibabwiye ali 4, ndasanga muli zose nta n'imwe yashoboye kugerwaho:
 - Guhuza imbaraga z'abaturarwanda mu kwongera umusaruro, ni ukuvuga za pré-Coopératives cyangwa za groupements socio-économiques, kandi turoye muli za raporo zose turasanga aho kwiyongera byaragiye bidohoka kubera impanvu nyinshi nko kubura ubutaka, kubura imbuto, umwete muke no kutunvikana n'abagize ayo mashyirahamwe. Izo mpanvu zose rero zituma n'umugambi wa 3 wo kurushaho kurya neza utagerwaho kuko nta musaruro uhagije uboneka.
 - Umugambi wa 2 wo twapfa kuvuga ko ibigo bitsura amajyambere bimaze kwiyongera muli buli Prefegitura nka za Centres de formation des jeunes za ~~CFA~~ ^{CCDFP} n'andi mahuguliro y'imyuga.
 - Umugambi wa 4 wo kuvana u Rwanda mu bwigunge n'andi mahanga nabonye cyane cyane mu byerekeye imikino aliho urubyiruko rwacu rwagiye rujya mu mikino mpuzamahanga, naho muli domaine y'ibikorwa by'amashyirahamwe y'urubyiruko nko mu buhinzi, ubworozi, n'imyuga nta mushyikirano ibyo bikorwa byagiranye n'amahanga cyangwa ngo hagire intumwa zo muli ayo mashyirahamwe zijya kwihugura.



Diregiteri Generali wa Jeunesse igihe yali i Burayi yigeze gutangira umushinga wo gusaba ASPAR ko yajya ifasha za Groupements zikora artisanat kubona aha bagulishiliza ibintu byabo no kubona matières premières.

Démarches na résurtats byakomeje gukubikira byaba byiza abayobozi b'ayo mashyirahamwe babimenyeshejwe.

- * Ihugurwa rya 1 ryatwaye amafanga 15.600 ku bantu 19 twavugaga 324 frs ku muntu ku muntu Naho ihugurwa rya 2 ryatwaye amafanga 19.875 ku bantu 22 .

NYARANSABIMANA Emelita.-



MINISTERE DE LA JEUNESSE
B.P. 1044 KIGALI

Ruhengeri

Kigali, le 17/04/1980

N° 30/14.04/10

Encadrement exploitation 25/5/80

Vu 5/5/80

Monsieur le Ministre de la Jeunesse
et des Sports
KIGALI.

*Emette
signé : 6/5/80*

Réf. N° :

Annexe :

Objet : Procès-Verbaux des sessions
de recyclage des Encadreur
communaux.

A traiter par	<i>Jeunesse</i>
Date entrée :	<i>25/4/80</i>
N° Classement :	<i>5490/12. 04</i>

Monsieur le Ministre,

J'ai l'honneur de vous transmettre,
annexés à la présente, les procès-verbaux de deux sessions
de recyclage des Encadreur communaux de la Jeunesse et des
Sports de Ruhengeri qui se sont tenues à Musanze du 23 au 25
juillet 1979 et du 25 au 28 Février 1980.

Je vous en souhaite bonne réception.

Encadreur Régional a.i.
BIZIMANA Athanase



C.P.I. à :

- Monsieur le Préfet de la Préfecture
RUHENGRI.
- Monsieur le S/Préfet de la S/Préfecture
BUBERUKA.
- Monsieur l'Encadreur Régional
BUTARE.
- Monsieur l'Encadreur S/Régional
BUBERUKA.
- Monsieur l'Encadreur(TOUS)
RUHENGRI.

[Handwritten signature]

IHUGURWA LY'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO N'IMIKINO MU MA KOMINI YA
RUHENGARI KUVA KUWA 23 KUGEZA KUWA 25/07/1979, KU MUSAENZE.

=====

IJIBO LY'IBANZE: Kubera ko kugeza ubu abayobozi b'imikino muli
Prefegitura kuva igihe batangiliye akazi batali bagahuguwe mu
milimo bashinzwe kandi wareba ugasanga ko inyigisho behawe igihe
biyishwa ibyo gukora akazi kabo i NYANZA ari igihe gito, niyo
mpamvu, Coopérant SUCO, akaba umujyanama mu biro by'Ubuyobozi bw'
Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura Ruhengeri yateguye ihugurwa
ly'abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino mu ma Komini, afatanyije na
Ministère y'Urubyiruko n'Imikino lyabereye mu mashuri makuru yo ku
MUSAENZE kuva kw'italiki ya 23/07/79 kugeza kuwa 25/07/79 kugira ngo
ababaye mu barushaho gutunganya akazi bashinzwe ndetse amahurwa
nkayo akazajya akorwa buli gihe.

Abaje mw'ihugurwa, abateguye ihugurwa bakaba bizuye
koibye avugiyemo bitazahera mu magambo gusa, kandi ko Ministère y'
Urubyiruko n'Imikino izabafasha kurwanya ingorane zimwe na zimwe
kubibazo batashoboye kubonera ibisubizo mw'ihugurwa.

A. AMAZINA Y'ABAJE MW'IHUGURWA:

- | | | | |
|-----|-----------------------|---|-------------------------------------|
| 1- | NGENDAHIMANA Célestin | : | Umuyobozi w'Urubyiruko muli KIGOMBE |
| 2- | NDUWAYEZU Prissylain | : | " " " NYAKINAMA |
| 3- | NKINZEHVIKI François | : | " " " KINIGI |
| 4- | GAKWAYA François | : | " " " NKULI |
| 5- | MUSCOMINALI Paulin | : | " " " KIDAHQ |
| 6- | MAHIMURANE Jean | : | " " " GATONDE |
| 7- | KANYESHULI Pierre | : | " " " NKUMBA |
| 8- | TULIKUNKIKO P. Calver | : | " " " CYABINGO |
| 9- | MULINDABIGWI Vincent | : | " " " RUHONDO |
| 10- | NTANAMA Léopold | : | " " " NYAMUTERA |
| 11- | NDUHUYE Nicolas | : | " " " NDUSU |
| 12- | TWIZERIMANA Anastase | : | " " " NYRUTOVU |
| 13- | MAHIMURANE Bernard | : | " " " MUKINGO |
| 14- | KAYINAMURA Gaspard | : | " " " CYERU |

AMAZINA Y'ABATARAJE:

- | | | | |
|----|------------------|---|-----------------|
| 1- | SEMUNORE Eliphaz | : | " " " BUTRO |
| 2- | NYIMANA Erasme | : | " " " NYIRUGALI |

Hari kandi: RUFOKO-GAKWAYA Emmanuel: Encadreur Régional mu Ruhengeri
ROLAND Sage: Coopérant SUCO, Conseiller mu Biro by'

Urubyiruko n'Imikino mu Ruhengeri

NYISIRO Antoine: Maître E.P.S. muli Ministère y'Uru-

byiruko n'Imikino
UGIRASE Zakia: Secrétaire muli Encadrement Régional.

B. ABATASHIJE MU GUTUNGANYA IHUGURWA:
. SUCO

- . Ministère y'Urubyiruko n'Imikino
- . Frères Maristes de Musanze (Locaux).

C. INTEGO Z'INGENZI Z' PROGRAMME Y'IHUGURWA:

Abali bateguye ihugurwa mbere yo gutangira bibanze ku ngingo z'ingenzi bahawe n'abayobozi b'Urubyiruko mu ma Komini igihe Encadreur Régional na Coopérant SUCO bakoraga tournée mu ma Komini basura n'ibikorwa bimwe by'Urubyiruko ku mirenge, aliko kubera ko ibyifuzo byali byinshi byabaye ngombwa ibindi bikazagerwaho muma ihugurwa azakulikira ubutaha, kandi muri programme halimo izi ngingo zikulikira:

- . Intego rusange yo kuyobora urubyiruko
- . Umulimo n'akamaro byo kuyobora urubyiruko
- . Sports: umupira w'amaboko (V.B.) mu kwihugura-gutera ingasire
 - Gutera umuhunda
 - Gutera intoshyo.
- . Ukuntu bakoresha inama ku mirenge z'urubyiruko muri secteur kugira ngo rugere ku bikorwa by'amajyambere bashinga ishyirahamwe.
- . Ubulyo bakangura urubyiruko rwo muri UGA kugira ngo ibikorwa byabo by'amajyambere bisakare ku mirenge.

Nubwo iyi programme yakozwe ntabwo yubahirizijwe bitewe nuko batatangiye igihe cyali cyateganijwe.

Ijambo lyo gutangiza ihugurwa lyafashe na Encadreur Régional mu mikino mu Ruhengeri ashinira abali bajemo kuba bahagereye igihe kandi ko imilimo y'ihugurwa igiyegutangira, nubwo Prefe yagombaga kuza kuyitangiza aliko kubera impamvu zakazi zamubujije atashoboye kuhagera nibwo yasomye programme izakulikizwa mu minsi 3 bagiye kumara ku Musanze.

Hakulikiraho ijamba lya Coopérant SUCO, akaba ari umujyana nama mu Biro by'ubuyobozi bw'urubyiruko n'Imikino muri Prefegitura asobanura mu magambo make ibyo bashakaga kuzageraho, ku ntego yo kuyobora urubyiruko alibyo:

- 1) Kumenya umulimo w'umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
- 2) Gukulikiranya ubulyo buli wese akoresha kugira ngo akazi ke kagende neza.
- 3) Kwiga ubuhanga bwo gucengeza, gukangura urubyiruko ku bulyo bunonosoye.
- 4) Ukuntu bakoresha mu gukangura abantu, bungurana ibitekerezo kugira ngo bagere ku bikorwa bitsura amajyambere cyane cyane ibyerekeye ubufatanye.

.../...

- 5) Ubulyo bakoresha inama z'urubyiruko rutuye muli Secteur no mu rwego rwa Komini.
- 6) Ubuhanga muli za sports byatanzwe n'umwalimu w'imikino woherejwe na Ministère y'Urubyiruko n'Imikino.

Kugira ngo ibyö byose bigerweho bizaterwa n'ubulyo buli wese azaba afite kugira ngo akazi ke kamworohere, kandi asaba buli wese ko yatega bagenzi amatwi uko bakoresha mu kungurana ibitekerezo, hanyuma bitoramo ugomba kuyobora imilimo y'umo munsu n'ugomba kubyandika. Uwo munsu hatowe MUSOMINALI Paulin: Président na TWIZELIMANA Anastase, umwanditsi.

- a) Ku bibazo byagombaga gusuzumwa hali :
- Umulimo w'umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Komini
 - Kuki umuntu yayobora urubyiruko, kuyobora n'iki ?
 - Ni iyihe migambi yagezweho n'itaragezweho ?
 - Ni izihe ngaruka z'ibyo bikorwa ku kazi umuyobozi w'Urubyiruko ashinzwe ?
 - Ubulyo buli wese yakoresha kugira ngo urubyiruko rwose rushobore kuyoborwa ?
 - Birashoboka se ko urubyiruko rwose rwayoborwa ?
 - Ni ubuhe bulyo bushorora kwohereza imilimo kugira ngo tugere ku migambi twiyemeje ?

Ni ubuhe bulyo bushorora kwohereza imilimo kugira ngo tugere ku migambi twiyemeje ?

b) IBISUBIZO RUSANGE.

- Umulimo w'umuyobozi w'urubyiruko n'imikino ni uwo kumenya urubyiruko ruli muli Komini(Recensement), kumenya ibibazo bafite cyane cyane uruterabonye amahirwe yo kujya mu mashuri, noneho agafatanyana nabo gushaka icyabazamurako mu mirenge batuyeho, bakoresheje amashyirahamwe n'ibindi by'ubukolikorikugira ngo ruzamure amajyambere kimwe n'abandi baturage.

c) INTEGO MINISTÈRE Y'URUBYIRUKO YIYEMEJE:

Byasobanuwe na Coopérant SUCO, akaba umujyanama mu Biro by'Ubuyobozi bw'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura ya Ruhengeri avuye ku Ministère y'Urubyiruko n'Imikino aliyo kwongera umusaruro w'igihugu bakulikije imigambi ya plan ya kabiri y'amajyambere 1977-1981 alizo:

- 1) Guhuza imbaraga z'abaturarwanda mu kwongera umusaruro
- 2) Gushiraho inzego zo gutsura amajyambere(ibigo byinshi amajyambere n'ihugurwa buli gihe) ku bulyo urubyiruko rugomba kwihugurura mu iby'ibigo byinshi by'ibyo kujijuka.
- 3) Améliorer la qualité en nutrition
- 4) Kuvana u Rwanda mu bwigunge n'andi mahanga.

.../...

Mbere yuko basubira muli Sporo S/Préfet MUKANKWAYA Margarite, ushinzwe ibibazo by'urubyiruko n'imikino muli Préfecture yaje mu mwanya wa Préfet utashoboye kuhagera kubera impamvu z'akazi, kugira ngo arebe aho imilimo y'ihugurwa igeze, asobanura mu magambo make ibibazo bimwe na bimwe bibangamiye ba Encadreur b'urubyiruko n'imikino alibyo ibi:

- a) Kuba abategetsu ba Komini binubira ko badatera iperu kimwe n'abandi bakozi ba Komini.
- b) Kureba mu magambo make imilimo umuyobozi w'urubyiruko n'imikino ashinzwe no kureba ibyakorwa byihutirwa.
- c) Gushinga za groupements z'urubyiruko.
- d) Kubera ko hali abana batagize amahirwe yo kujya mu mashuri, kubigisha gusoma no kwandika
- e) Kwigisha abantu cyane cyane urubyiruko Animation isingiza M.R.N.D.
- f) Yavuze ko atazi neza niba ba Bourgmestres baba baramenyeshye ba Encadreurs ibyerekeye ihugurwa ly'abayobozi b'amashuri y'umulyango imbabare (C.R.R.) mu ma Komini kuzibagira, kuko we yari yarabibonye ba Bourgmestres kwihitiramo uwo bashakaga nk'undi mukozu.
- g) Hazakorwa ibyerekeye exposition y'ubukolikoli bw'abana mu mpera z'uyu mwaka wa 1979 wiswe uw'abana kw'isi hose n'uburezi mu Rwanda.
- h) Buri Komini igomba kugira urusobe rw'imikino cyane cyane mu byino karande (ballet communal).

Ibyo byose bimeze gusobanurwa hakulikiyeho umwanya w'ibibazo byabali baje guhugurwa:

1. Hali amabaruwa ahera muli Commune kandi abaza ibintu by'ihutirwa bibaza uko byaza bigenda kuko bakemuka ko ari agasuzuguro ?
2. Kul'icyo kibazo nk'uko yari yabivuze kare ni uko abenshi batagera kuli Komini kandi hali ibintu bibareba byihutirwa ni ngombwa lero ko bajya bakora uko bashoboye bakahagera kugira ngo ibyihutirwa bikorwe.
2. Hali ikibazo cy'uko yababwiyemo mu magambo yavuze ko niba hali amasambu amashuri Komini zifite kandi abaturage bakaba alibo bayihingira ko bazajya bandikira ba Bourgmestres bagaha copie ubutegetsu bwa Préfecture basubira urubyiruko, aho basanze hali ingorane kuko iyo ubutegetsu bwa Komini bubibonye usanga noneho bakulirana nyili kubandikira, S/Préfet yavuzeko ntakundi byagenda.
3. Hali ibintu byari byajye mu imulikwa by'imitako-nyarwanda mu mwaka wa 75, bikaba byarahawe abashyitsi bo muli Uganda aliko kugeza ubu banyirabyo ntibabarabona amashuri yabyo, babajije niba ibyo bizaza bazishingira kureba ibizongera. Kul'icyo kibazo yavuze ko azabaza aho ibyo bitishyurwe bigeze kubera ko ntacyo abiziho bitewe n'uko atari yakageze mu Ruhengeri, naho kubyerekeye ibizazanywe kuli Préfecture bagomba kuzazana ibintu babona ko bitakwangilika kandi byakozwe koko n'abana kuko nibabibona ibyakozwe n'abakuru bazabikuramo.
4. Préfecture yitondereye umwanya w'umilimo azakorwa mu ma Komini.

4. Préfecture yikorera programme yayo y'imikino izakorerwa kuli Préfecture ivuye mu ma Komini kandi bagasiga ibyiza byagombaga gushimisha urugero muli Nkuli, bafite ikinyemera cy'abakuze kandi bagomba gufata abana bato kuko nabo bamaze kubigiramo ubuhanga, yamusubije ko hali imikino ikorwa bakulikije buli mukino Komini cyangwa akalere gafite, nk'ikinyemera cyo muli Nkuli ni icya kera ntawakivanamo ahubwo abo bana babashakira indi mikino icyo kinyemera kikagumanwa n'abakuru.
5. Buli budget ya Komini bateganiliza sporo amafanga, Encadreur yavugaga ibigomba gukorwa bagasubiza ko yashize kandi nta kintu azi cyakozwe, ndetse, umwaka wajya gushira bakavugaga ko hakozwe ibintu byinshi. S/Préfet yavuze ko hali amafanga ashoboka kubera iminsi mikuru ibyo lero niba Bourgmestre ayakoreshe atyo ahenshi aba yiyicira akazi ke kuko n'imikino muli Komini aliwe ireba ubwa mbere.

V.B.

a) TERRAIN

Ikibuga kigizwe na kare ifite m 9 z'uruhanda, icyo kibuga kigabanijwemo 2 na filet ifite m 1 y'uburebure(hauteur), abagabo, filet imanikwa k'uburebure bwa m 2 na 43 kugitsina gore iba ku burebure bwa 2 na 24. Kimwe n'abana b'imyaka 16. Imirongo igira cm 5 z'ubugali ukulikije umurongo wahagati baca ugabanya abakinnyi kuli m 3. Buli

- b) Ubundi, imikino n'uko bakora k'umupira ba wohera ku kibuga cy'abandi. Buli ikipe igomba gukora ku mupira inshuro eshatu, aliko iyo bahana nibwo bishimisha.

UKO UMUPIRA:

- 1° Umukinnyi ahagaliye umupira wo herejwe n'indi Kipe aka wohera aho wavuye: cyangwa akawuha mugenzi we. Gukoreshe ibiganza byegeranye cyangwa amaboko(hepho y'ibikumwe)
2. Umukinnyi agomba gushyira umupira hejuru yegera filet kugira ngo mugenzi we awukubite cyane(smash) akoresheje imitwe y'intoki niba bishoboka.
3. Iyo umukinnyi ateretse umupira neza, undi awukubita intoki zegeranye ~~awohereza~~ amubonye kibuga cyabandi awurenze filet, Uwukubita cyane kugira ngo mu yindi kipe adashobora kuwuhagaliye.

c) -BAKORESHA UBULYO BUTARU KULI V.B.

- 1° Guhagaliye umupira, ukoreshe imitwe y'intoki cyangwa amaboko uyafatanije ukakoreshe hagati y'ibiganza n'ibizigira ukaworoSHA iyo uje bawukubise cyane.
- 2° Tuziga uko bashyira umupira hejuru kandi wegereye filet ukoresheje imitwe y'intoki cyangwa guhitamo muli ubwo bulyo ni

.../...

byo byiza kuva kuli 2 ukageza kuli 6, ukina umupira.

3° GUTANGA UMUPIRA KUYINDI KIPE:

Mu nguni y'ibulyo inyuma y'ikibuga kuli m 3, utanga umupira arawukubita ukawurenza filet uciye mu kirere uakora kuli filet ukagwa mu kibuga kindi kipe.

d) KUMENYA UBWO BULYO UKO ALI 3 BIZATUMA TIGA UBUNDI BUSIGAYE.




1° SMASH: n'ugukubita umupira cyane uhawe na mugenzi wawe awutera neza uwohereza mu yindi Kipe ukoresheje ikiganza.

2° BLOCK: GUTANGIRA UWO MUPIRA (Smashé)

Umuntu 1 cyangwa 2 bawutangira iyo babonye bawuteretse kugira bawukubite cyane, wa wundi cyangwa ba bandi bo muyindi basimbuka bakawurenza. (contrer). Ubundi ningombwa gusimbuka limwe mugashyira hejuru n'uwukubita.

a) Placement:

LES LANCERS (POIDS, DISQUE, JAVELOT)

	GUTERA INTOSHYO (Poids) Cercle Ø 2m135 (rayon 1m07) et Butoir 45° 	GUTERA INGASIRE (Disque) Cercle Ø 2m50 (rayon 1m25) 45° 	GUTERA ICUMU (Javelot) Elan : 30m minimum 2m 8m 2m 29° 
Surface de lancer et Surface de chute			
Mesures de l'engin	Hommes : 7Kg 257 Dames ou garçons : 4Kg 16 ans	Hommes : 2Kg Dames : 1Kg	Hommes : 800g, 2m60, 2,5 Ø 3cm Dames : 600g, 2m20, " "
Carractéristiques du lancer	POUSSEE de l'épaule(une seule main) GUSUNIKA Le poids doit être proche du menton Le poids ne peut pas être ramené en arrière pendant le lancer.	ROTATION du lanceur(1,5tour) KWIHINDUKIZA ROTATION du disque dans le sens des aiguilles d'une montre et plané GUHINDUKIZA INGASIRE .	Elan en ligne droite Lancer par dessus l'épaule.
Un essai est nul si le concurrent :	-Abaisse le bras -Ramène le poids en arrière des épaules -Lance à deux mains -Sort devant le diamètre tracé. -Marche sur le butoir ou le cercle. -Quitte la surface de lancer avant que l'engin ait touché le sol. -Quitte la surface de lancer sans avoir repris son équilibre . -Lance en dehors de la surface de chute .		-Touche l'arc de cercle ou le sol au delà de l'arc de cercle. -Ne tient pas le javelot à la corde. -Lance en rotation. -Lance par dessous l'épaule. -Ne laisse pas de trace avec la pointe qui doit toucher d'abord le sol.
Mesurage du jet			
Classement	1er : Meilleure performance...Etc	EX-AEQUO : considérer la deuxième meilleure performance.	

Ibyo byose bimaze kubonerwa igisubizo, yatanze umugambi uzagerwaho muli aya mezi 6 ari mbere kugira ngo urangire:

1-Gushyiraho Ballet communal

2-Kwigisha animation

3-Kuzita kukibazo cya exposition y'ubukolikoli bw'abana izaba mu mpera z'uyu mwaka

4-Gushyiraho twa groupements z'Urubyiruko

Yarangije ashimira abateguye ili hugurwa nabalijemo kandi ko yizeye neza ko lizabashimisha kugira ngo akazi bashinzwe kazarushaho gutera imbere, ibyavugiwemo bikazashyirwa mu bikorwa hanyuma Encadreur Régional amushimira ko yigomwe akagera aho ihugurwa libera kandi amusaba gukomeza kubatera inkunga mu bibazo batakwishoborera kubonera umuti.

-Ubwo mbere y'uko ibindi bikulikiraho, basabye ko mbere yo gukubikizaho ibyali byateganijwe hasuzumwa ikibazo kibagobotse nubwo kitali ku murongo w'ibyigwa bitewe n'uko bali bamaze iminsi 2 aliko wareba ikibazo cyo ku meza cyali giteye inkeke, bakibaza mu byukuli niba uwali wateganiye ihugurwa niba yakwishimira mubyo guhugurwa gusa kandi abantu bicwa n'inzara. Kugeza icyo begihe ntibali bazi neza niba ari Ministère y'Urubyiruko n'Imikino cyangwa se Coopérant SUCO, ibyo byose kubazwa nuko ku meza balyaga ibishyamba bisa n'ibimaze iminsi bitetse no kuzana amagufa babyitira ngo n'inyama, ibyo kunywa byo byali uguse-tsatsa, kandi lero imilimo yakozwe cyane yari yari spor (théorie et pratique sur le terrain).

-Icyo Encadreur Régional yabivuzeho ni uko ibyo bavugaga byari bifite ishingiro kuko nawe ubwe yigereye muli réfectoire yibonera uko byifashe, aliko kandi uko ibyo kubatunga byateguwe ntacyo abiziho.

-Coopérant SUCO, yavuze ko byose aliwe wabiteguye kuli budget ya SUCO yizera ko bihagije ndetse akaba yarabonye imfashanyo ya Ministère y'Urubyiruko n'Imikino, ubwo lero abari mu ihugurwa bakaba BARATANGAJWE NO KUBA Ministère yatanze imfashanyo yongera kuli budget ya SUCO, bagafatwa nabi, mbese icyo Ministère idatanga imfashanyo ntabwo ihugurwa lyagombaga kuba ?

-Ikindi ni uko mbere yo kujya ku meza, Coopérant SUCO alinawe wari wateguye ihugurwa yigenderaga aho kureba uko byifashe mbere yo kujya muli réfectoire, icyakora yavuze ko alibwo bwa mbere recyclage nk'icyo yakorwa, ibyo byose bizakosorwa muzizaba ubutaha (recyclages).

Ni ukuvuga ko imilimo ya nyuma ya saa sita itagendetse neza bitewe niyo mpamvu.

Mu gitondo cyo kuwa 24/07/79 basabye ko haba indi myigisho ya sports mu myitoto y'ibyo bari baze mu magambo (pratique) basubiye ku kubuka mu gukora imyitoto y'ibyo gutera intosho, icumu, ingasire

.../...

ubwo bigabanyamo amakipe 3:

Iyali iyobowe na RUFOKO -GAKWAYA Emmanuel:Gutera umuhunda

" " " MYASIRO Antoine :Gutera intoshyo

" " " ROLAND Sage :Gutera ingasire

Abarangiza kwihugura muli buli mukino b'guranaga na bagenzi babo, ndetse no ku'uwo mugoroba mu massa mbili babonye films ku byerekeye sporos:BOXES-F.B na RUBBY.

Nyuma y'issa sita babonye inyigisho mu magambo kubyerekeye umupira w'intoki (V.B.) byasobanuwe n'intumwa ya Ministère y'Urubyiruko n'Imikino. Mu magambo make yasobanuye ibi bikulikira:

a)Uko uwo mupira waje kubaho mbese mateka yawo.

b)Uko ikibuga kimeze n'ipipimo byacyo

c)Uko abakinnyi bahagarara mu kibuga bakulikije numéros zabo.

d)Ubulyo bakoresha mu'uwo mukino

e)Uko umupira ukinwa(service-réception,touches de balle(passes)smash, blocs

f)Imyitozo abakinnyi bakora mbere yuko batangira umukino kugira ngo ingingo z'umubili zorohe.

Ubwo bamaze kubona inyigisho mu magambo bagiye ku kibuga kugira ngo bitoze ibyo bamaze kwigishwa.

Mu magambo arambuye ibyasobanuwe aho bili ku ngereka yibi: LE 24/07/79/

Issa mbili ya mu gitondo niho imilimo y'ihugurwa yakomeje ubwo kero uwayoboye ikiganiro cy'uwo munsu ni NKINZEHWIKI François umwanditsi we akaba NDUHUYE Nicolas.

.Ingingo yagombaga kwigwa:Kumenya ubulyo buli wese akoresha kugira ngo akazi ke kagendeke neza:ni ukuvuga ko buli wese yabonye halimo

~~Imugoroba~~ bavuzwe ibi bikulikira:

1)Kubera ko abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino bagatangira akazi byagendekaga bitewe n'uko ubutegetsi bwa Ministère y'Urubyiruko, nubwo Préfecture bwaturaga ama Komini n'ibikorwa urubyiruko rumaze kugezaho, ibyo bigatuma urubyiruko rwumva ko rushigikiwe, aho ibyo bitakibera ibikorwa byinshi byarahagaze.

2)Hagomba ubufatanye buhagije n'ubutegetsi bwa Komini kugira ngo urubyiruko ibikorwa byarwo bishyigikiwe.

3°Encadreur Régional agomba gukomeza kujya asobanulira Abayobozi ba Komini imilimo abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino bashinzwe no kubagezaho ibindi bibazo bireba urubyiruko.

4)Kubera ko kugeza ubu imfashanyo y'ibikorwa by'urubyiruko itangwa na Ministère ari nkeya cyane ndetse bimwe bigatangwa ku bulyo budashimishije, basabye ko yakongerwa,ikindi kandi ni uko batuma abantu ngo baje kuyifata bagera i Kigali ngo byararangiyeye, bongera

gusaba ko Ministère yakora uko ishoboye ikajya ibigeza kuli Préfecture noneho akaba aliyo ibigabanya ibyo bikorwa.

Nyuma y'issa sita bahawe inyigisho yerekeye sporo mu gutera intosho(poids)

gutera icumu(javelot)

gutera ingasire(disque)

ibyo byose babiboneye uko bakora uruziga cyangwa inzira banyuramo bagiye kubikora.Uko bakara imetero buli muntu yateyemo aliko nubwo igihe cyali gito kugira ngo issa sita igere, ibyo bali bamaze gusobanulirwa mu magambo bagiye kubibereka ku kibuga, ndetse basaba ko byasubirwamo nyuma y'issa sita kuko alibyo byabashimisije mubyo bahu-guwemo byose.

RAPPORT FINANCIER DE LA PREMIERE SESSION
DE RECYCLAGE DES ENCADREURS COMMUNAUX DE RUHENGARI
(23,24,25 Juillet 1979 à Musanze)

1. Nombre de participants: 14 Encadreur et 5 Conférenciers
2. Total des dépenses : 13.620 FRW soit 324FRW/JOUR/Personne
(Le déplacement ne sont pas compris)

Nourriture	: Riz	20Kg X70 Fr/KG	1.400Fr
	Haricots	16Kg x 20 Fr/Kg	320Fr
	Viande	12,75 x 85 Fr/Kg	1.085Fr
	Sel	3 x 35 Fr/Kg	105Fr
	Pain 20 Pains	x 60 Fr	1.200Fr
	Margarine 3 boites	x170 Fr	510Fr
	Confiture 2 boites	x180 Fr	360Fr
	Porridge	23Kg x 25Frw/Kg	575Fr
	sucré	3Kg x 75Frw/Kg	225Fr
	Lait	4Kg x 60Frw	240Fr
	Huile 1 gallon	x 750Frw	750Fr
Boissons	: Fanta 1 casier	x 600Frw	600Fr
	Primus 5 casiers	x 648Frw	3.240Fr
	Thé 1,5 Kg	x 200Frw	300Fr
Divers	: Bois fendu 2 stères	x 450Frw	900Fr
	Amortissement du matériel		200Fr
	1 ouvrier durant 3 jours	x 150Frw	450Fr
	Carburant 4 l x 50Frw/l		200Fr
Logement	: 12 personnes à 40 FRW/nuit x 2 nuits		960Fr

3. Participation du Ministère de la Jeunesse et des Sports:

Le Ministère a participé à l'organisation de la session en envoyant du personnel, en prêtant du matériel sportif et en fournissant des vivres que nous n'avons pas entièrement utilisées mais qui le seront lors des sessions suivantes:

<u>Vivres fournies</u>	<u>utilisées</u>	<u>en réserve</u>
100Kg de riz x 70 Fr/Kg 700 Fr	20 Kg soit 1400Fr	80 Kg
96Kg de haricots x 20 1920 Fr	29 Kg " 580Fr	67 Kg
46 Kg de farine x 75Fr/Kf450Fr	0 " 0Fr	46 Kg
23 Kg de porridge à 25Fr 575Fr	23 Kg " 575Fr	0
2 galons d'huile à 750Fr 1500Fr	1 " 750Fr	1 gallon
14.445Fr	3.305Fr	11.140Fr

INYANDIKO-MVUGO y'IHUGURWA LY'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO N'IMIKINO MU MA COMMUNES YA RUHENGARI LYABEREYE KU MUSANZE-RUHENGARI KUVA KUWA 25 KUGEZA KUWA 28 GASHYANTARE 1980.

INTANGILIRO:Ku Musanze habereye ihugurwa ly'Abayobozi b'Urubyiruko n' Imikino bagize ama Komini ya Prefegitura Ruhengeri. Iryo hugurwa lyali ligamiye mu magambo make ibi bikulikira:

- Gushyiraho amategeko rusange agenga imali y'amashyirahamwe y'urubyiruko
- Kwigisha uko babara imali y'amashyirahamwe y'urubyiruko. icyatumye bashyiraho izo ngingo ku murongo w'ibigomba kwigwa ni uko ibyo byasabwe nabali mw'ihugurwa ly'ubushize lyabaye mu kwezi kwa 7/79.

ABAJE MU IHUGURWA:

-RUFOKO-GAKWAYA Emmanuel	:	Umuyobozi w'Urubyiruko muli Ruhengeri
-MWITABANGOMA J.M.V.	:	Umuyobozi w'Urubyiruko muli Butare
-ROLAND Sage	:	Umujyanama mu buyobozi bw'Urubyiruko bwa Ruhengeri
-Jean Paul Breton	:	Umujyanama mu buyobozi bw'Urubyiruko bwa Butare
-BIGIRUMWAMI Athanase	:	Umuyobozi w'Urubyiruko muli S/Prefegitura BUBERUKA
-NJANGWE Philippe	:	Umukozi muli Mijeunesports i Kigali
-MUNYENSANGA Ladislav	:	" " " " "
-SEMAHORE Eliphaz	:	Umuyobozi w'Urubyiruko muli Komini BUTARO
-KAYINAMURA Gaspard	:	" " " " " CYERU
-MASHANJIRE Jean	:	" " " " " GATONDE
-MUSOMINALI Paulin	:	" " " " " KIDAHU
-NGENDAHIMANA Célestin	:	" " " " " KIGOMBE
-NKINZEHWIKI François	:	" " " " " KINIGI
-IYAMUREMYE Laurent	:	" " " " " MUKINGO
-NDUHUYE Nicolas	:	" " " " " NDUSU
-GAKWAYA François	:	" " " " " NKULI
-KANYESHULI Pierre	:	" " " " " NKUMBA
-NDUWAYEZU Prissylvain	:	" " " " " NYAKINAMA
-HABIMANA Barthazar	:	" " " " " NYAMUGALI
-NTANAMA Léopold	:	" " " " " NYAMUTERA
-TWIZELIMANA Anastase	:	" " " " " NYARUTOVU
-MULINDABIGWI Vincent	:	" " " " " RUHONDO

UTAJE:

-TULIKUNKUKO Pierre Claver :	"	"	"	"	"	CYABINGO
------------------------------	---	---	---	---	---	----------

PROGRAMU YAGOMBAGA GUKULIKIZWA:

Kuwa 25 Gashyantare 1980:

- Mugitondo: Abazaza mu ihugurwa bazaba bahageze
- Saa ine (10 h) : Imihango yo gutangiza ihugurwa
- Saa ine n'igice (10h30): Kurebera hamwe programu y'umwaka 1980
- Saa cyenda n'igice (15h30): Sports.

Kuwa 26 Gashyantare 1980:

- Saa moya na 30 (7h30): Kurebera hamwe amategeko yashobora kugenga amashyirahamwe y'Urubyiruko (Umutungo w'amafanga).
- Saa tanu (11h00) : Sports
- Saa munani (14h00) : Kureba amwe mu mashyirahamwe yatangwaho urugero
- Saa cyenda n'igice : Sports

Kuwa 27 Gashyantare 1980.

- Saa moya n'igice :Kwigira hamwe ubulyo bw'ibabarura rusange
- Saa tanu :Sports
- Saa munani :Imyitozo y'ibabarura (Exercices de comptabilité)
- Saa cyenda n'igice :Sports.

Kuwa 28 Gashyantare 1980:

- Saa moya za mu gitondo : Imyitozo y'ibabarura (exercices de comptabilité)
- Saa tatu : Sports
- Saa tanu : Umwanzuro n'isezererwa ly'ihugurwa
- Bavuye ku meza : Gutaha kw'abaje mw'ihugurwa.

Uko programu yakulikijwe buli munsu:

Kubera ko kw'italiki ya 25/2/1980 aliho habaye inama itegura ihugurwa yali yabaye, ilyo hugurwa lyatangiyeye kw'italiki ya 26/2/1980, Encadreur Régional w'Urubyiruko n'Imikino ali nawe wali ugiyoboye yafunguye imilimo yalyo issa mbili nubwo lyali liteganyijwe issa moya ibyo bikaba byaratewe n'indi milimo yaje kumugoboka. Kuva issa mbili lero barebeye hamwe amategeko y'umutungo w'amashyirahamwe y'urubyiruko. Buli muntu wese yagiraga icyo abivugaho. Impaka(débats) zali ziyobowe na Bwana Encadreur Régional wa Ruhengeri afatanije na Encadreur S/Régional muri S/prefegitura ya Buberuka. Dore inyandiko y'ayo mategeko agizwe n'ingingo indwi:

Ingingo ya 1: Abanyamuryango b'amashyirahamwe bagomba kumenya umutungo wabo (amafranga bafite).

Uko bayamenya:

Buli nama y'ukwezi, umwe mu banyamuryango agomba gusomera abandi ikaye ilimo umutungo wabo buli mubare(amafranga) umubitsi, na Président n'abagenzuzi b'imali bagomba gushyiraho umukono mu gitabo cy'ububazi (registre de comptabilité).

KUBIKA:

Ingingo ya 2: Umubitsi (trésorier) ntagomba kurenza amafranga magana atanu (500Frs) mw'isanduku ye.

Ingingo ya 3:Iyo amafranga yavuzwe mu ngingo ya kabili arenze ali mw'isanduku ye, umubitsi agomba guherekezwa n'abanyamuryango 2 bakajya kubitsa arenze kuyavuzwe mu ngingo ya 2 cyangwa se bakayabitsa yose muri

- Banki y'abaturage
- Isanduku y'ubwiteganyilize cyangwa muri Komini kugira ngo yilinde ibishyuko byayo.

Ingingo ya 4: KUBIKUZA

Kubikuza amafranga ibihumbi icumi (10.000Frs) umubitsi agomba guherekezwa n'abanyamuryango babili (2) naho arenze ibihumbi icumi (10.000Frs) umubitsi agomba guherekezwa na kimwe cya kabili(1/2) cy'abanyamuryango.

Ingingo ya 5: Kubika no kubikuza muri Banki

Kugira ngo mubike cyangwa mubikuze, hagomba nibura umukono w'abantu babili, umubitsi we ni ngombwa.Président, umwanditsi cyangwa se abanyamuryango babili (2)

Ingingo ya 6:

Umubitsi agomba gutorerwa nibura amezi atandatu (6) cyangwa umwaka umwe. Umubitsi agomba kwandika imibare yose mu ikaye yabigenewe akulikije urugero umuyobozi w'urubyiruko amuhaye, kandi bikemerwa n'inama rusange(Assemblée Générale).

Ingingo ya 7: ITEGEKO LY'AMASHYIRAHAMWE

Buli munyamulyango azatanga amafanga atanu (5 Frs) kugira ngo bagure amakaye n'amakaramu yo gukoresha

1. Ikaye yo kubaliramo
2. Ikaye y'inyandiko-mvugo
3. Amakaramu abili (2).

Hanyuma abali aho bafatanije no gusuzuma buli ngingo y'ayo mategeko. Dore ibyavuzwe ku ngingo zimwe na zimwe.

Ingingo ya 1:

-Encadreur Régional mu Ruhengeri yababajije uko bali basanzwe babikora, bamusubije ko ubundi, abayobozi b'umulyango bali basanzwe batorwa mu banyamulyango basanzwe nubwo yaba ari umubitsi, ndetse n'abagenzuzi b'imali kandi abagenzuzi b'imali ntibatorerwe igihe kirekire uretse ko batorerwa umwaka umwe gusa byaba ngombwa bongeye gutorwa bako meza umulimo wabo.

-Encadreur agomba kureba niba isanduku imeze neza, akulikije ubulyo bw'ibara ly'ishyirahamwe.

-Umubitsi cyangwa Président, n'umwanditsi ntibagomba gutore rwa kuba abagenzuzi b'imali. Aliko kandi amashyirahamwe yose ntabwo aliko abitsa muli za Banki. Abo lero batabitsa aho tumaze kuvuga, basinyisha ababitsi igihe batali bayabitsa ku muntu bizeye aliko ingorane ni uko bamusigira amafanga nubwo aba yasinye akigira ahandi, ibyo bigatuma umulyango ubura umutungo w'amafanga ahubwo ugasigara mu manza

Ingingo ya 2:

Kul'iyi ngingo, hali ibibazo bamwe mu bayobozi b'urubyiruko babajije:

- 1°- Abanyamulyango bagulishije ibintu amafanga magana tanu (500 Frs) cyangwa arenze, aliko umubitsi akaba adafite umwanya wo kujya kuyabitsa byagenda bite ?
Ibisubizo byari byinshi aliko ntabwo byose byatangaga umuti nyawo. Babonye ko ari ngombwa buli wese agakoresha uko ashoboye bakajya basobanulira no kumvisha amashyirahamwe ko kwibikira amafanga atali byiza, kandi ko bitera ibishyuko.
- 2°- Ko twavuze ibyerekeye umubitsi bw'amafanga gusa, ibintu bitali amafanga (en nature) byo byabikwa he, gute ?
Urugero: Abanyamulyango bahinga kure yaho batuye, basaruye ibirayi, ntibashobore kubigeza aho batuye, ubwo babibitsa hehe ? Umwe se mu banyamulyango niwe wabibika ? Baramutse babyibye ?.

Igisubizo:

Bagomba kubitsa ibyo bintu aho babona hafi kandi kandi bizeye bakirwanaho kugira ngo umusaruro wabo utononekara.

Ingingo ya 3:

- 1°- Babitsa he ?
 - .Babitsa muli Banki y'abaturage
 - .Isanduku y'ubwiteganyilize
 - .Isanduku y'Ukuzigama y'u Rwanda
 - .Paroisse yegereye ishyirahamwe.

N.B: Si byiza kubitsa muli Komini kuko ishobora kwiguzwa amafanga kandi yenda idashobora kuba yayasubiza igihe uba uyakeneye mubyo ukora.

- 2- Kugira ngo akagambane hagati y'abajya kubitsa kagabanuke, babonye ko byaba byiza baliya bantu 2 baherekeza umubitsi bajya batorwa bakoresheje tombola. Abali mw'ihugurwa babonye ko uwo mubare wo kujya kubikuza wangana n'uwabagize mu ngingo ya 2 cyangwa se bishobotse ukangana n'icya kabili cy'abanyamulyango.
- 3- Abayobozi b'urubyiruko babonye ko ibyiza ali uko ubikira ishyirahamwe amafanga yajya abimenyesha (mu nyandiko) umubare w'amafranga alibikiye. Umunyamulyango wese afite uburenganzira bwo kumenya uwo mubare.

Encadreur Régional:

Nongeye kubibutsa ko aliya mategeko atali ngombwa ko akulikizwa kuliya yanditse: ishyirahamwe lishobora kugira icyo lyongeraho cyangwa likuraho likulikije uko likora bitewe n'amategeko y'umwihaliko walyo.

Roland Sage: Ni byo koko, ubutaha hamurareba ko aliya mategeko adahagije. mbega ni igice kimwe mu bigomba kugira amategeko yuzuye.

Encadreur^{S/} Régional: Nibyo koko, ubutaha tuzarebera hamwe uko dushobora kuzuza amategeko rusange agenga amashyirahamwe: Hali nk'ibyerekeye ukuntu batora comité nyobozi, uko umuntu yinjira mu mulyango, uko awuvamo, impamvu zishobora gutuma yirukanwa mu mulyango, ukuntu ishyirahamwe lishobora guseswa, n'ibindi...

Ibyo byarangiye issa ine na mirongo ine n'itanu (10 h 45'). aliko mbere yo kujya mu bindi Encadreur Régional wo mu Ruhengeri yasabye mugenzi we w'i Butare kubabwira uko byifashe mu karere akoramo ageraniye n'ibyo bamaze kuvuga k'ubwo mategeko agenga imilyango y'urubyiruko. Yasobanuye ko kubera ko ibyo bamaze kuvuga byose bisa naho ali kimwe n'ibyi Butare kandi yemeje ko ibibazo byose bijya gusa uretse ko ikibazo cy'ubutaka giteye inkeke muli Préfecture ya Butare, gusa icyo yongeyeho ku byerekeye umutungo bashyiraho amategeko y'umwihaliko ya buli shyirahamwe.

Issa tanu yuzuye (11 H 00") abayobozi b'urubyiruko n'imikino muli Commune bagiye guhugurwa mu mikino. Kuva issa tanu kugeza issa sita, bahuguwe muri tekiniki yo gutera ingasire n'intoshyo. Ibyo babihuguwe mu na Bwana NJANGWE Philippe ukora muli MJJEUNESPORTS i Kigali, niwe Ministère yali yohereje kubera ko imuziho ubuhanga. Uwo munsu babonye mubyo babonye halimo ~~halimo~~ uko bafata intoshyo n'ingasire nuko bati tera igihe bagiye kujugunya. Nyuma habonetse ibibazo uwabigishaga arabisubiza.

-Issa munani, (14 H 00"), abali mw'ihugurwa barebeye hamwe uko amashyirahamwe atunganya imilimo yayo. Mu ma Komini amwe namwe nka (Kidaho Nyamutera na Nyarutovu) amashyirahamwe yagerageje gushyiraho amategeko agenga umulyango no gukora ibarura (comptabilité) usibye ko akenshi usanga ali ibintu bidasobanuye neza.

-Kuva issa cyenda (15 H 00") kugeza issa kumi n'imwe (17 H 00") ihugurwa lyibanze kuli tekiniki mu mikino ya Basket na volleyball. Iyo tekiniki bayerekwaga na Bwana MUYENSANGA Ladislav wali woherejwe na Ministère y'urubyiruko n'imikino kubera iyo mpamvu.

Kuva 27 Gashyantare 1980:

-Kuva issa moya kugeza issa tanu.

Barebeye hamwe uburyo bworoshye amashyirahamwe y'urubyiruko yageraho kugira ngo ajye akora ibarura ly'amafranga (comptabilité) icyo kiganiro cyatanze na Militant B. GIRUMAMI Athanase Encadreur S/Régional muli S/Prefecture Buberuka.

Yababwiye ko hali ibintu 3 bagomba kureba, alibyo:
 -Uko umubitsi abarura amafanga y'ukwezi kw'intangiliro;
 -Uko babara amafanga y'amezi akulikiyeho n'ay'umwaka
 -Uko babara amafanga y'inyungu.

I)Mu kubara amafanga y'insanduku hatanzwe urugero rukulikira:

Italiki	Amafanga asohoka	Umubare	Amafanga yinjira	Umubare
			naho akomoka	
2/2/80	-----	-----	Amafr. Y'intangiliro	3.000 F
10/2/80	Kwatisha	1.508	Umusanzu w'abanya	200 F
			mulyango	
20/2/80	Kugura imbuto	641	-----	-----
IGITERANYO	ASOHOTSE	2.149	IGITERANYO-YINJIRA	3.200 F.

$$\text{ISANDUKU: } 3.200 \text{ F} - 2.149 \text{ F} = 1.051 \text{ F}$$

2) Kubara amafanga nyuma y'ukwezi, hatanzwe urugero rukulikira:

Italiki	Amafr.sohotse	Umubare	Amafr.yinjira	Umubare
29/2/80	Igiteranyo a- sohotse	200	Igiteranyo yinjira	300
3/3/80	Kugura inkwavu	160	-----	-----
" " "	-----	-----	Kugulisha inkoko 2	400
4/3/80	Kugura imisu- mali	87	-----	-----
IGITERANYO		447	IGITERANYO	700

$$\text{Amafanga yasohotse mu kwezi kwa 3 : } 447 - 200 = 247 \text{ F}$$

$$\text{Amafanga yinjiye mu kwezi kwa 3 : } 700 - 300 = 400 \text{ F.}$$

3) Kubara inyungu y'umulyango mu kwezi: urugero.

Italiki	Amafr.sohoka	Umubare	Amafr.yinjira	Umubare
29/2/80	Igiteranyo so- hotse	352	Igiteranyo yinjira	628
3/3/80	Kugura inkwavu	216	-----	-----
" " "	-----	-----	Kugulisha amagi	372
31/3/80	Kugura imisu- mali	175	-----	-----
IGITERANYO		743	IGITERANYO	1.000

$$\text{Inyungu y'ukwezi kwa gatatu: } (1.000 - 743) - (628 - 352) = 257 - 276 = -19$$

yarahombye.

$$\text{Amafanga mw'isanduku mu kwezi kwa 3: } (628 + 372) - 628 = 1.000 - 628 = 372 \text{ F}$$

.../...

Amafranga mw'isanduku mu kwezi kwa 2: 628-352 = 276 F

Inyungu mu kwezi kwa kabili = 0

Kuva issa tanu kugeza issa sita, Bwana NJANGWE Philippe yakomeje gucengeza mu bali bajye guhugurwa tekini yo kujugunya intoshyo n'ingasire. Nk'uko bali bamaze kubona inyigisho zerekeye kujugunya ingasire ahasigaye igice kimwe cy'abali mw'ihugurwa bagiye kwigishwa uko bajugunya intosho (poids) abandi basigara bitoza kujugunya ingasire (disque) hanyuma abali mw'ihugurwa bajya kurebera hamwe imyitozo y'ibarura ku kibaho yatanzwe na bamwe aliyo iyi ikulikira:

Encadreur-NYAMUTERA:Kubara amafranga ali mw'isanduku.

Italiki	Amafranga asohoka	Umubare	Amafranga yinjira	Umubare
			naho akomoka	
3.1.80	-	-	Amafranga y'inta-	4.173
			ngiliro	
5.1.80	-	-	Imfashanyo	5.000
8.1.80	Kugura umulima	3.020	-	-
10.2.80	Kugura imbuto	410	-	-
1.2.80	Kwihemba	200	-	-

' Igiteranyo asohotse : 3.630 ' Igiteranyo-yinjiye: 9.173
' Amafranga ali mw'isanduku' 9.173 - 3.630 = 5.543.

Encadreur-NYARUTOVU:Gusuzuma amafranga yinjiye mu kwezi.

Italiki	Amafranga sohotse	Umubare	Amafranga yinjira	Umubare
4.2.80	'Igiteranyo-sohotse	3.630	'Igiteranyo-yinjira'	9.173
70.3.80	'Kugura amakaye	40	-	-
10.3.80	'Kugura ingorofani	5.000	-	-
15.3.80	-	-	'Kugulisha ibishyi-	3.113
			mbo	
20.3.80	-	-	'Imfashanyo(ingorofa-	5.000
			ni	
23.3.80	-	-	'Amafra.agarutse	5.000

' igiteranyo amafra.asohotse : 8.670 'Igiteranyo asohotse'22.286
Amafr. yinjiye mu kwezi kwa 3: 22.286 - 9.173 = 13.113

Encadreur-KIDHO:Yabajije impamvu bagomba gufata igiteranyo cy'amafranga yose ali ayinjiye cyangwa se asohotse bakirusha bakuramo amafranga yarahali mu ntangiliro kandi imibare yo mul'uko kwezi yose igaragara. Encadreur Régional yamusubije ko alibwo bulyo bwihuta kubimenya kuko halubwo mul'uko kwezi haba balinjiye cyangwa se harasohotse amafranga bu-li munsu cyangwa se ku mataliki menshi.

Encadreur-MUKINGO:Hali igihe bagenda amafranga yo gusohora aliko igihe ataratangwa hakaboneka imfashanyo ingana n'ikintu agomba kugurwa, akibaza uko bashobora kubandikira. Igisubizo ni uko igihe ayo mafranga yagenwe gusohoka bagomba muyasohotse noneho igihe babonye imfashanyo ihwanye nayo bazandikira agaciro kayo muyinjiye, bandikira kandi ko ayo mafranga agarutse muyinjiye. Mu byukuri ukulikije urugero rwatanzwe haruguru wasanga ayo mafranga yose y'ukwezi kwa 3 adahali, kugira ngo byumvikane bizagaragalira muli inventaire y'amafranga na inventaire y'ibikoreshe. 'mafra-

Amafranga ibihumbi bitanu (5.000 Frs) yarasohotse kugura ingorofani, igihe itaragurwa bayibonera ubuntu, ibyalibyo byose yagombaga kugurwa. Ayo mafranga ataratanzwe agomba kugaruka mw'isanduku.

Kuwa 28 Gashyantare 1980:

-Kuwa saa moya kugeza saa tatu.

Habaye imyitozo y'ibabarura. Iyo myitozo yabaye myinshi; kandi byahabereye li ngombwa kuko yagombaga gucengera mu bahugurwaga. Abayobozi b'urubyiruko bagomba nabo kuzajya kubyigisha mu mashyirahamwe ya Komini yabo.

Imyitozo yatangwaga ku kibaho, noneho abahugurwa bakayikorera ku mpapuro buli muntu ukwe. Barangiza buli muntu agakosorwa ukwe kugirango bamenye ingorane za buli wese. Hanyuma bakagira igihe cyo gukosorera hamwe ku kibaho. Nuko abafite ibyo batumva bakabibaza bigasobanurwa. Iyo myitozo ali nayo yanyuma yarangiye saa tatu.

-Kuwa saa tatu kugeza saa tanu.

Bagiye ku kibuga cy'umupira w'intoke (basket ball) barakina mbere yuko bajya kwinegura uko ihugurwa lyagenze n'ibindi byahabereye. Ubwo saa tanu, basubiye aho ihugurwa lyaberaga.

-Kuwa saa tanu kugeza saa sita n'igice.

Uwo mwanya wahaliwe ukwinegura kwabali baje mw'ihugurwa:

1. Bimwe mu byiza babonye:

- 1) Umushyikirano mwiza mu baje mw'ihugurwa;
- 2) Mu nyigisho wasangaga bese ali ukungurana ibitekerezo, mbega ali ikiganiro;
- 3) Ihugurwa lyatumye umuntu amenya ibitekerezo by'abandi, bityo akahakura amatwara mashya.

2. Ibitaragenze neza:

- 1) Igihe cy'ihugurwa cyabaye gito kandi programu yali ndende cyane, ibyo bikaba byaratumye ibintu bikorwa huti huti kugirango programu irangire.

ROLAND Sage: Ihugurwa limara igihe gito kubera ko budget ibari aho nta.

Muko ubutaha tuzagerageza kureba ukuntu twahina programu.

2) Kubera ko ihugurwa halimo ibintu bimwe bitagenze neza abari mw'ihugurwa basabye ko bakwitoramo abantu 2 bagomba kuzagira akanama gategura uko bazajya batunganya sessions z'ubutaha cyane cyane ku byerekeye imikoreshereze y'amafranga n'ibindi bizaba bikenewe. Ubwo bahise batanga abazafatanyaga n'abashinzwe ubuyobozi bw'urubyiruko n'imikino muli Préfecture. Ababonye amajwi menshi ni ba Bwana:

-MUSOMINALI Paulin: Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Komini KIDAHU wabonye amajwi 11

-NKINZEHWIKI François: Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Komini KINIGI wabonye amajwi 4.

Kul'iyi ngingo Encadreur S/Régional muli S/Préfecture Buberuka yabajije icyo aho bamaze gutorwa bazakora kubera ko amafranga azaba ahari ntacyo bazongeraho. Cyangwa ngo bahindureho. Roland Sage yasubije ko icyo aho bazakora ari ugutegura ibishobora kuzagurwa igihe cy'ubushyamba ndetse bakazabibafashamo, bakajya bavugira ibikenewe igihe cy'ihugurwa. Impamvu yabiteye ni uko hari ibintu bitagenze neza nko kubera icyo kunywa kandi byari biteganijwe, kurara ahantu hatameze neza, bakabura uwo babibwira bitewe nuko ku mugoroba uwari ubashinzwe yigenderaga. Muli évaluation: bongeyeho mu gihe cy'ihugurwa hagomba ibisobanuro byanditse bigatangwa lirangiye.

3) Gusezerera ihugurwa ku manywa si byiza.

Encadreur Régional: Koko si byiza cyane kuko haba hari abataha kure ntibashobore kubona imodoka ibacura. Tuzareba ukuntu twazajya dusezerera za sessions ni mugoroba kugirango bucyeye ahantu batashyirahamwe.

- 4) Sports: Byabaye byiza cyane aliko lero kubona inyigisho ntibihagiye kuko bagera mu ma Komini bakabura ibikoresho, kandi ugasanga Ministère ibaza ba athlètes mu ma Komini ku bantu batigeze babona na limwe uwo mukino.
- 5) Amategako agenga amashyirahamwe:
Muli programu halimo byinshi byagombaga kwigwa, kandi mbere yabyose bibajijwe impamvu igihe cyo gutangiza imilimo y'ihugurwa cyangwa cyo kulirangiza nta muntu uturutse mu butegetsi bwa Préfecture cyangwa Ministère waje kwizihiza uwo muhango. Encadreur Régional yabasubijwe ko ntabwo kubakiza byali bihali kandi nawe azi amafanga yateganijwe kuli za sessions kubera ko ntabwo abyegera iyaba abizi neza yagombaga kubasobanulira uko yateguwe ku byerekeye amafanga yakoreshejwe.
- 6) Abali mw'ihugurwa babajijwe amafanga yateganijwe ku zindi za recyclages zigomba kuzabaho aliko uwali ushinze kuyacunga ntacyo yabivuzeho. icyatumye ibyo bibazwa ni uko abaje mw'ihugurwa binubiye cyane aho bararaga, kandi nuwali wabiteguye akigendera atarebye uko bagomba kulyamaho abasize uko hameze.
- 7) Abali muli session basabye ko compte-rendu y'ihugurwa lishize lyabaye mu kwezi kwa kalindwi 79 yakoherezwa.
- 8) Abali mw'ihugurwa ntabwo, ntabwo bishimiye na gato za remarques zajyaga zitangirwa mu ruhame igihe cy'ihugurwa kuko bishobora gutesha umuntu agaciro mu bo ashinzwe.
- 9) Muli session y'ubushyamba balibarasabye ko ibintu byazasubirwaho aliko urebye aho kugira ngo bitungane byarushijeho kuba bibi. kandi basabye ko muli sessions z'ubutaha batabasubiza ku Musanze kubera ibintu byinshi bitahameze eza.
- 10) Bibajijwe impamvu abateguye session batashoboye kurara hamwe n'abali jemo. Abali mw'ihugurwa basabye ko aho gukora za sessions nyinshi zidashimishije abazijemo, byaba byiza gukora nkeya aliko zigira icyo zisigira uwayijemo.

Bamaze kurebera hamwe ibyashyirahamwe n'ibitararagenze neza muli icyo hugurwa icyo kuva 25 kugeza kuwa 28 Gashantare 1980 babigereraniye n'ibyo muryari liherutse, bamwe babonye ko icyo hugurwa litabaye lyiza nk'icya mbere.

Encadreur Régional: Dore ihugurwa lirarangiye, mbashimiye uko mwalyifashamo. Nkaba nifuza ko muza gutaha mwiyeje ko amatwara mashya mukuye muli icyo hugurwa mubakomeza. Muze gutaha amahoro.

Kuva saa sita n'igice abali baje mu ihugurwa bagiye ku meza, bica akanyota. Nyuma y'ibyo kwari ugushyirahamwe.

Mu massa murari na mirong ine n'itanu abantu bali batangiye gutaha. Bose batashyirahamwe, bifuza kuzongera guhura vuba baje mu lindi ihugurwa litateganijwe kuwa 12 kugeza kuwa 14 Gicurasi 1980.

Umuyobozi w'ihugurwa:
RUFOKO-GAKWAYA Emmanuel.

Sé

Umwanditsi:
NGENDAHIMANA Célestin.

Sé

INGEREKA I.

IBARURA LY'UMUTUNGO (AMAFRANGA) W'AMASHYIRAHAMWE

INTERURO YA VI: Amategeko agenga imali.

- Ingingo ya 25. Igihe imali ikoresherezwa cyangwa ikoresheha.
Ingingo ya 26. Uburyo amafanga y'umuryango abikwa uko ateye nuko aboneka.
Ingingo ya 27. Iyo urwunguko rudahagiye.
Ingingo ya 28. Ibyerekeye infashanyo y'umuryango.

INTERURO YA VII: Amategeko rusange.

- Ingingo ya 29. Ikemura ry'impaka.
Ingingo ya 30. Guhitamo abazaburanirwa.
Ingingo ya 31. Itegeko ry'umwihaliko ligenga imikorere y'umuryango.
Ingingo ya 32. Iseswa ry'umuryango.

-Ntimwibagirwe gushyira amazina kimwe n'umukono w'abashinze kandi bemeye amategeko mwemeje mu bufatanye bwanyu.

ICYI TONDERWA -Uru rugero mbahaye nirwo muzakulikiza mu gushinga amategeko y'inama yanyu itegura igikorwa.

-Murufatireho mushinga amategeko yigikorwa cyanyu.

-Murufatirireho mushinga amategeko y'ubwumvikane mu bufatanye bwanyu.

-Muyashinge mukulikije kuli izi ngingo tubahaye n'ubusobanuro bwayo nkuko bimeze mu ihuriro n° 3 nkuko twabivuze mu intangiliro.

Bizagaragaza ko mwumvise ubufatanye icyo ari cyo ni muduha amategeko kuli ubu buryo tubahaye. Ni mwohereze kandi umubare w'amafranga mwifuza ko twabaha mubanje gutakereza neza icyo azakora, uko azakoresheha, muretse kuvuga umubare munini gusa ari uko mwumvise ifaranga. "Baha ufite ngo ashobore kugwiza udafite azabura nibyo yari afite". Niba rero mushaka gufashwa nimubanze mwifashe kandi mugire icyo musabiraho kigaragara, ni ngombwa rero kutumenyesha amafanga muvite y'intangiliro ubwanyu.

-Igihe mutwoherereza amategeko yanyu mugomba gusigarana copie yayo ngo muje mwibukiraho amategeko mwaduhaye ni ngombwa rwose; bityo tuzashobora kubakosora.

-Dukeneye amategeko yanyu bitarenze le 25 Nzeli 1973, Kubasira biza-terwa nuko tumaze kuyabona, tugenda tubakosora uko dushoboye.

-Abashoboye kuduha ibisubizo by'anketi ni aba: Ekiye Rukoma, Kintobo, Nyagahanga, Nyamabuye, Kanyave na Ruhenda, abandi ntacyo. Turabashimira umwete bafite ugaragaza ibitekerezo byabo. Abandi nababwirako iki ? Nimukore icyo bwabaga.

Mubane n'Immana.

Umuvandimwe wanyu : BAG'NIZI Ladislas.

.../...

Mugenzi wanjye

Ibarura si ikintu gikorwa kubera umulimbo, si ikintu gikorwa kubera kwishimisha, ahubwo ni uburyo bwo kugenzura ibyo mfite.

Muli iki gihe abayobozi ba Diyosezi bi iye hamwe uburyo bwabafasha gukora ibarura? Babonye ko ali ngombwa kubigisha mwese.

Haki uburyo bwinshi bw'ibarura bukurikije buli mulimo uwo aliwo wose. ibarura ry'ubucuruzi litandukanye n'ir'ubuhinzi cyangwa iry'umwihaliko.

Aliho kandi ni byiza no kumenya mu bucuruzi nk'ibarura ry'ibyawe bwite. Ibarura ry'ubucuruzi tuzalibona ubutaha, muli iki kaye turebe ibarura ry'umwihaliko gusa.

Ni akahere kamaro k'igenzura bwite ? Si ukumenya amafanga mfite mu insanduku cyangwa mu mufuko. Ibyo nshobora kubimenya ntagombaye kubarura. Birahagije kubara inoti n'ibiceli mfite.

Ibarura bwite lifite akamaro ko kumenya no gusuzuma amafanga yinjira, umusaruro n'ibindi. Ngomba kugenzura uburyo ntanga ayo mafanga. Byongeye mu kugulisha umusaruro, ngomba kubisuzuma.

Ngomba kureba kandi ko ngulisha ibyangije ku giciro cyiza. Ni byiza kumenya ko mfite amafanga 1000 aturutse mu byo ngulisha, aturutse kandi ku biro 400 by'ibirayi, amafanga abili n'urumiya ku kili, atali ukubona ayo mafanga gusa, aho kumenya aho aturutse ni byiza; kubigulisha amafanga 5 ku kilo icyo gihe nzabona amafanga 2.000.

Ibarura lifite akamaro cyane, bituma umuntu amenya uko akoresha amafanga ye bwite.

Niba amafanga abuze, umuntu ashobora kubimenya, yibaza ati: Mbese nagiye ntanga amafanga nte ngura iki n'iki?

Abahanga bavugurura kandi uburyo bwo gutanga amafanga.

- 1°) Gutanga amafanga ku bintu byo kwishimisha, nk'inzoga n'itabi.
- 2°) Gutanga amafanga ku bintu ngombwa bifiteye akamaro ubuzima: ibilibwa n'inyambara.
- 3°) Gutanga amafanga azagura ibintu bizamara igihe, bituma nshobora kutazatanga amafanga buli gihe, nko mu kubaka inzu y'amabati, y'amategura, cyangwa y'amatafari.
- 4°) Gutanga amafanga azabyara andi mafanga: Umulima, kubaka inzu yo gucururizamo, kwatisha isambu, kugura isambu.

Urwo rugero rwa kane ni uburyo bwo gutanga amafanga bw'ukuli, kuko alibwo buryo bukungahaza utanga amafanga.

Ngomba kugenzura uko amafanga natanze ubushize yagenze, niba bitagenzurwa bizahomba bigwe mu bukenye, kandi birakomeye gutanga amafanga aho ntaho mfite.

Ni ngombwa kwibaza ngo urwaye kurura ibyo kwishimisha, mu kugura ibikurenze, ugereranije n'ubukene ufite, ahubwo byaba byiza kuzigama ngo uzagere ku bintu bizamara igihe kirekire, cyane cyane ibizabyara andi mafanga.

Ikibazo cy'imyenda : "Nta mugabo utagira umwenda".

1°) Niba nguliye amafanga ali ntacyo nali nsigaranye mu isanduku, ibyo ni urwunguko. Aliko si urwunguko rw'ukuli kuko ngomba kuyishyura.

Niba mfite imyenda myinshi kandi niba naraliye ayo mafanga nta-shoboye kuyishyura, bazamfunga. Ngomba gushyira ayo mafanga mu yinjiye aliko nshiyeho umurongo ntayibagirwa, kandi nzihatire kuyishyura.

2°) Niba njyewe hali uwo nguliza amafanga, ni amafanga asohoka, kuko amafanga avuye mu isanduku yanjye. Si amafanga asohoka mu by'ukuli kuko azishyurwa. Ayo mafanga nyandika mu mafanga yasohotse.

Igihe bazanyishyura ngomba kumenya neza ko ayo mafanga yagarutse mu mwanya wayo aliwo w'ayinjiye.

Ikindi ko ntagomba kuguriza uwo mbonye wese. Si ngomba kwibagirwa ko ayo mafanga yasohotse. Singomba kuyabara kuko nayatakaje ndi kuyaguriza abandi. Kubera izi mpamvu ngomba gusaba inyungu aliko ikwiye ku buryo dahenda mugenzi wanjye.

UMUSOZO. Ngizi impamvu zituma ngomba gukora ibarura neza, nka-menya aho amafanga yanjye aya naho ajya, icyo ngomba guha abandi n'icyo bagomba kumpa.

Bityo nshobora gukoresha amafanga yanjye neza. Igisigaye ni ukureba ko nzayafata.

UBUSOBANURO BW'IYI SCHEMA

- 1°) Nandika italiki, ukwezi n'umwaka, kugira ngo nshobore kumenya no kuzibuka amafanga mfite mu ntangiliro kandi ngonjye menya icyo naguze igihe iki n'iki.
- 2°) Nandika amafanga y'intangiliro umubare wayo, kugira ngo nshobore gutangira kubara no kugereranya amafanga yanditse mu ibarura n'ay'isanduku.
- 3°) Nandika amafanga yasohotse n'icyo naguze, kugira ngo menye niba ntanga amafanga ku rugero rw'ibyo nkeneye, kandi menye ibyo nashoboye kugura mu kwezi.
- 4°) Nandika umubare w'amafranga yasohotse kugira ngo ntibagirwa amafanga ntanga, ngo nzashobore kumenya igiteranyo cy'amafranga yasohotse.
- 5°) Nandika igiteranyo cyayo, kugira ngo menye amafanga natanze yose mu kwezi.
- 6°) Nandika amafanga yose yinjiye, kugira ngo menye icyo nunguka mu byo nkeresha n'amazina yabyo, ngo ndusheho gukora.
- 7°) Nandika umubare w'amafranga yinjiye.
- 8°) Nandika igiteranyo, kugira ngo menye amafanga yose yinjiye mu isanduku
- 9°) Mu nsi y'igiteranyo cy'amafranga yinjiye, nkuramo igiteranyo cy'amafranga yasoho, bityo mbona amafanga mfite mu isanduku.

.../...

1. KUBERA AMAFRANGA Y'ISANDUKU.

Italiki	Amafranga yasohotse cyangwa ntanga	Umubare	Amafranga yinjiye naho akomoka	Umubare
1/7/73			Amafranga y'intangiliro	500
5/7/73	Kugura ishati	100		
25/7/73			Guhingira abaturage	
30/7/73	Inzoga(kabali)	10		
31/7/73			Umushahara	300
	Igiteranyo	110	Igiteranyo	830
	Nkuramo igiteranyo cy'amafaranga yasohotse			-110
	Amafaranga mfite mu isanduku			720

Ayo mafaranga arahali ?

ICYITONDERWA : Amafaranga mfite, nkulikije imibare (720) agomba kure-sya nayo mfite koko mu isanduku. Nicyo gituma ntaho- mba kwibagirwa amafaranga nali mfite muntangiliro. Niba amafaranga nanditse atarashya n'ay'isanduku, ngo- mba gusuzuma niba nibeshye mu kwandika imibare no mu guteranya.

Cyangwa niba ari ikintu naguze cyangwa nagulishije, nibagiwe kandika.

II. GUSUZUMA AMAFRANGA NAKORESHEJE.

A. AMAFRANGA YIJIYE MURI UKU KWEZI:

Ni igiteranyo cy'amafaranga yinjiye
Nkuramo amafaranga y'intangiliro

830
-500
330

B. AMAFRANGA YASOHOTSE MURI UKU KWEZI:

Ndayavangura mu bice bine: 1) amafaranga yo kwishimisha
2) amafaranga y'ibintu ngombwa
3) amafaranga y'ibintu bizamara igihe
4) amafaranga azabyara andi

30
110
0
0

C. INYUNGU Y'UKU KWEZI:

ni amafaranga yinjiye muri uku kwezi
Nkuramo amafaranga yasohotse

330
- 110
220

AMAFRANGA MFITE MU ISANDUKU NDAYATEGANYILIZA IKI ?

.../...

Umaze kurangiza ukwezi kumwe, uko kwezi kwa mbere kw'ibarura ryawe, ugomba gukomeza:
Buli kwezi gushya, umulimo wa mbere ni ukwandika amafunga y'intangiliro y'ukwezi.
Ubanze wandike, mu mafunga, mu mafunga yasohotse, igiteranyo cy' amafunga yasohotse wabonye urangije ukwezi gushize (110).
Ukandika, mu mafunga yinjiye, igiteranyo cy' amafunga yinjiye wabonye mu kwezi gushize (830).
Hanyuma, buli munsu ugura cyangwa ugulisha, ubyandike mu byasohotse cyangwa mu byinjiye.
Ukwezi gushize uzateranya.

UKWEZI GUKULIKIRAHU.

/Urugero/

1. KUBARA MIFRANGA Y'ISANDUKU

1. KUBARA AMAFRANGA Y'ISANDUKU				
		Umubare	Amafaranga yinjiye	Umubare
Italiki	amafranga yasohotse	naho	naho akomoka	
Ukwezi	cy. mu kugura			
Umwaka				
1/8/73	Ay'ukwezi gushize	110	ay'ukwezi gushize	830
8/8/73	Isuka	140		
10/8/73			Umufuko w'ibijumba	150
13/8/73	Ibati ry'inzu y'			
	y'inkoko	90		
15/8/73	Nkulikije Yohani	30		
19/8/73			Guhingira abaturage	60
21/8/73			nishyuwe na Yohani	30
25/8/73	Gusana umwenda	5	Kugulisha amagi 15	45
27/8/73	Kugura amasabune 3	30		
29/8/73	Kugura kilo imwe y'inyama	45		
31/8/73			Ngulishije ihene	600
Igiteranyo cy'amafranga yasohotse:		450	Igiteranyo c'ayinjiye	1715
Nkuramo igiteranyo cy'ayasohotse			-	450
Ayo mfite mu isanduku				1265

II. GUSUZUMA AMAFRANGA NAKORES-EJE.

A. AMAFRANGA YINJIYE MULI UKU KWEZI

N'igiteranyo cy'amafranga yinjiye	1.715
Nkuremo amafranga y'intangiriro y'ukwezi	830
	885

B. MAFRANGA Y' SOHOTSE MULI UKU KWEZI

amafranga yashohotse mu kwezi	450
ni igiteranyo cy'amafranga yashohotse	-110
nkuramo amafranga yashohotse mu kwezi gushize	<u>340</u>

ndayavangura mu bice bine:

- | | |
|--|-----|
| 1°) Amafranga yo kwishimisha | 0 |
| 2°) Amafranga y'ibintu ngomba | 95 |
| 3°) Amafranga nuguze ibintu bizamara igihe | 0 |
| 4°) Amafranga azabyara aadi | 230 |

..... /

C. INYUNGU Y'UKWEZI

Ni amafranga yinjiye muli uku kwezi (reba A.)	885
Nkurano amafranga yasohotse muli uku kwezi (reba B.)	340
	<u>545</u>

D. Ubundi buryo bwo kubara inyuma y'ukwezi (bugomba guhura na C)

amafranga mfite mu isanduku uku kwezi	1.265
nkuramo amafranga nali mfite mu isanduku ukwezi	- 720
gushize	545

E. Amafranga mfite ndayateganyiliza iki ?

UKWEZI KWA GATATU KW'IBARURA

(Urugero)

1. KUBERA AMAFRANGA Y'ISANDUKU

'Italiki	'Amafranga yasohotse	'Umubare	'amafranga yasohotse	'Umubare
'Ukwezi	'cy.ntanga mu kugura	'	'	'
'Umwaka	'	'	'	'
'1/9/73	'Amafranga y'ukwezi	'	' Amafranga y'ukwezi	'
	'gushize yasohotse	' 450	' gushize yinjiye	' 1.715
'4/9/73	'Isafuliya	' 100	'	'
'6/9/73	'Kilo y'umunyu	' 30	'Inzoga(ikibindi)	' 200
'8/9/73	'.....	'.....	'Urukwavu	' 120
'10/9/73	'Igitebo naguze	' 40	'	'
'12/9/73	'Umwenda	' 150	'Inyanya 5	' 10
'15/9/73	'Igitabo (ntabyera	' 25	'	'
'18/9/73	'Ipaki y'itabi	' 20	'Ubunyobwa ibilo5x35	' 175
'20/9/73	'Nguliye Laurenti	' 40	'	'
'22/9/73	'.....	'.....	'Inyegamo	' 100
'26/9/73	'Ndatisha akalima	' 400	'	'
'28/9/73	'.....	'.....	'Nishuwe na Laurenti	' 40
'30/9/73	'.....	'.....	'Imyumbati imifuko2à21°	' 420
'	'Igiteranyo	' 1.255	' Igiteranyo	' 2.780
'				
'		Nkuremo igiteranyo cy'ayasohotse-	1255	
'		ayo mfite mu isanduku	1.525	
'				

II. GUSUZUMA UKO N'KORESHIJE IMAFRANGA

A. AMAFRANGA YINJIYE MULI UKU KWEZI

ni igiteranyo cy'amafranga yinjiye	2.780
nkuramo amafanga yinjiye mu intangiliro	-1.715
	<u>1.065</u>

B. AMAFRANGA YASOHOTSE MULI UKU KWEZI

ni igiteranyo cy'amafranga yasohotse 1.255
nkuramo ayali yasohotse mu intangiliro y'ukwezi - 450

805

Ndayavangura ku buryo bune:

- | | | |
|-----|----------------------------------|-----|
| 1°) | Amafranga yo kwishimisha | 20 |
| 2°) | Amafranga y'ibintu ngombwa | 30 |
| 3°) | Amafranga naguze ibizamara igihe | 315 |
| 4°) | Amafranga azabyara andi | 400 |

Amafranga yanjye nayakoresheje neza se ?

• • • • •

C. INYUNGU Y'UKWEZI

ni amafanga yinjiye muli uku kwezi (reba A)	1.065
nkuramo amafanga yasohotse muli uku kwezi (reba B)	- 805
=	<u>260</u>

D. UBUNDI BURYO BWO KUMENYA INYUNGU Y'UKWEZI

ni amafanga mfite ndangije uku kwezi	1.525
nkuramo amafanga nali mfite ndangije ukwezi gushize	<u>1265</u>

260

C na D bigomba kureshya.

E. Amafanga mfite NDAYAREGANYILIZA IKI ?

KIYE Y'IBARURA.

UMWAKA

UKWEZI KWA.....

1) KUBARA AMAFRANGA Y'ISANDUKU

'Italiki	'Amafanga yasohotse	'Umubare'	Amafanga yinjiye'	Umubare'
'Ukwezi	'cy;ntanga mukugura	'	naho akomoka	'
'Umwaka	'	'	'	'

'.....'	'.....'	'.....'	'Amafr.y'intangiliro.....'
'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....'	'.....'	'.....'	'.....'

' IGITERANYO cy'amafr. yasohotse:	Igiteranyo cy'ayinjiye:
-----------------------------------	-------------------------

'	nkuramo igiteranyo cy'amafr.yasohotse -	
'	amafanga mfite mu isanduku	=

' Ayo mafanga arahali ?

II. GUSUZUMA UKO NIKORESHEJE AMAFRANGA.

A. AMAFRANGA YINJIYE MULI UKU KWEZI

ni igiteranyo cy'amafranga yinjiye	
nkuramo amafanga yinjiye mu intangiliro	-.....
	<u>.....</u>

II. GUSUZUMA UKO NAKORIESHEJE AMAFRANGA

A. AMAFRANGA YINJIYE MULI UKU KWEZI

ni igiteranyo cy'amafranga yinjiye
nkuramo amafanga yinjiye mu intangiliro y'ukwezi -.....

B. AMAFRANGA YASOHOTSE MULI UKU KWEZI

ni igiteranyo cy'amafranga yasohotse
nkuramo ayali yasohotse mu intangiliro y'ukwezi -.....

Ndayavangura mu buryo bune :

- 1) Amafranga yo kwishimisha
- 2) Amafranga y'ibintu ngombwa
- 3) Amafranga naguze ibizamara igihe
- 4) Amafranga azabyara andi

Amafranga yanjye nayakoresheje neza ?

C. INYUNGU Y'UKWEZI

ni amafuranga yinjiye muli uku kwezi (reba A)

nkuramo amaf. yasohotse muli uku kwezi (reba B) -.....

D.UBUNDI BURYO BWO KUMENYA INYUNGU Y'UKWEZI

NI AMAFRANGA MFITE NDANGIJE UKU KWEZI

nkuramo amafuranga nali mfite ndangije ukwezi gushize-.....

C. na D. bigomba kungana

E.Amafranga mfite NDAYATEGANYILIZA IKI ?

Umwaka..... Ukwezi.....

1. KUBARA AMAFRANGA Y'ISANDUKU

[illegible]

 'Igiteranyo cy'amafranga yasohotse : Igiteranyo cy'ayinjiye :
 ' nkuramo igiteranyo cy'amafra.Yasohotse
 ' Amafranga mfite mu isanduku =
 ' Ayo mafranga vose arahali ?

II. GUSUZUMA UKO NAKORESHEJE AMAFRANGA

A. Amafranga yinjiye muli uku kwezi
 ni igiteranyo cy'amafranga yasohotse
 nkuramo ayali yasohotse mu ntangiliro y'ukwezi

Ndayavangara mu buryo bune :

- 1) Amafranga yo kwishimisha
 - 2) Amafranga y'ibintu ngombwa
 - 3) Amafranga naguze ibizamara igihe
 - 4) Amafranga azabyara andi
- Amafranga yanjye nayakoresheje neza ?

C. INYUNGU Y'UKWEZI

ni amafranga yinjiye muli uku, kwezi (reba A)
 nkuramo amafranga yasohotse muli uku kwezi (reba B)

D. UBUNDI BURYO BWO KUMENYA INYUNGU Y'UKWEZI

ni amafranga mfite ndangije uku kwezi
 nkuramo amafranga nali mfite ndangije ukwezi gushize

C. na D. bigomba kungana.

E. Amafranga mfite NDATEGANYILIZA IKI ?

=====

UMWAKAUKWEZI.....

1. KUBARA AMAFRANGA Y'ISANDUKU

'Italiki	'Amafranga yasohotse'	Umubare	'Amafr.yinjiye'	Umubare
'Ukwezi	'cy.ntanga mukugura'		' naho akomoka'	
'Umwaka				
'.....	'igiteranyo cy'ukwezi'		'Igiteranyo cy'	
'.....	'gushize'		'ukwezi gushize	
'.....	'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....	'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....	'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....	'.....'	'.....'	'.....'	'.....'
'.....	'.....'	'.....'	'.....'	'.....'

.../...

II. GUSUZUMA UKO NAKORE SHEJE AMAFRANGA

ni igiteranyo cy'amafranga yasohotse
nkuramo amafranga yinjiye mu intangiliro y'ukwezi -.....
.....

ni igiteranyo cy'amafanga yasohotse
nkuramo ayali yasohotse mu ntangiliro y'ukwezi

- 1) Amafranga yo kwishimisha
- 2) Amafranga y'ibintu ngombwa
- 3) Amafranga neguze ibizamara igihe
- 4) Amafranga azabyara andi

Amafranga yanjye nayakoresheje neza ?

ni amafanga yinjiye muli uku, kwezi (reba A)

nkuramo amafanga yasohotse muli uku kwezi (reba B)

ni amafuranga mfite ndangije uku kwezi
nkuramon amafuranga nali mfite ndangije ukwezi gushize

100 / 100

UMWAKA UKWEZI.....

1. KUBARA AMFRANGA Y'ISANDUKU

[illegible]

II. GUSUZUMA UKO NAKORESHJE AMAFRANGA
A: Amafranga yindiye muri ibyo buriho.

11. GUSOZUMU UKU NKORESHJE AMAFRANGA
A; Amafranga yinjiye muli uku kwezi
ni igiteranyo cy'amafranga yasohotse
nkuramo amafranga yinjiye mu intangiliro y'ukwezi
-.....
B. AMAFRANGA YASOHOTSE MULI UKU KWEZI
.....

B. AMAFRINGA YISOHOTSE MULI UKU KWEZI

ni igiteranyo cy'amafanga yasohotse
nkuramo ayali yasohotse mu intangiliro y'ukwezi

Ndayavangura mu buryo bune:

- 1) Amafranga yo kwishimisha
 - 2) Amafranga y'ibintu ngombwa
 - 3) Amafranga naguze ibizamara igihe
 - 4) Amafranga azabyara andi
- Amafranga yanjye nayakoresheje neza ?

C. I N Y U N G U Y'UKWEZI

Y U N G U Y'UKWEZI
ni amafranga yinjiye muli uku, kwezi (reba. A)

nkuramo amafuranga yasohotse muli uku kwezi (reba B) -.....

D.UBUNDI BURYO EWO KUMENYA INYUNGU Y'UKWEZI

ni amafranga mfite ndangije uku kwezi

ni amafuranga mfite ndangije uku kwezi nkurama amafuranga nali mfite ndangije . kwezi gushize -

C. na D. bigomba kungana.

E. Amafranga mfite NDAYAREGANYILIZA IKI ?

UTWAK..... UKWEZI.....

1. KUBURA AMAFRANGA Y'ISANDUKU

[illegible]

...../.....

ANNEXE 2

SESSION DE RECYCLAGE DES ENCADREURS COMMUNAUX DE LA
JEUNESSE ET DES SPORTS.

Tenue à Ruhengeri du 25 au 28 Février 1980.

RAPPORT FINANCIER

1. <u>NOURRITURE</u> :	Viande 15 x 100Fr	1.500Fr
	Chèvre	1.500Fr
	Levure 1 sachet	100Fr
	Bouteille d'huile	150Fr
	2 Kg de sucre	160Fr
	Tomate 1 panier	200Fr
	4 Kg de sel x 35Fr	140Fr
	1 Galon d'huile 5 bouteilles	750Fr
	Bananes mures	80Fr
	20 Kg de haricots x 30Fr	600Fr
	4 Kg de petits pois x 35Fr	140Fr
	Tomates	150Fr
	Oignons	100Fr
	Patates douces	100Fr
	Pommes de terre	320Fr
2. <u>BOISSONS</u> :	Primus 1 casier	648Fr
	Urugwa 50 bouteilles X 30Fr	1.500Fr
	Primus 4 casiers x 648Fr	2.592Fr
	Fanta 16 bouteilles x 21	336Fr
	Lait 6 Kg x 100Fr	600Fr
	1 Kg de thé	120Fr
	4 Kg de sucre x 76Fr	304Fr
3. <u>DIVERS</u> :	3 Casseroles 300 + 400 + 400 =	1.100Fr
	OMO	75Fr
	Pétrole frigo	100Fr
	Bois 2 stères x 300Fr	600Fr
	Essence pour moteur 201 x 57,9	1.158Fr
	1 Paquet d'allumettes	50Fr
	1 Jeu de cartes	38Fr
4. <u>SALAIRES</u> :	2 cuisiniers x 400	800Fr
	1 piseur eau	260Fr
	Fendre le bois	200Fr
5. <u>HEBERGEMENT</u> :	Achat de 7 matelas x 2.200Fr	15.400Fr
	<u>TOTAL</u>	<u>29.871Fr</u>

6. PARTICIPATION DU MINISTERE

Nous n'avons pas demandé de vivres au Ministère pour cette session.
Nous avons seulement utilisé, les restes de la session précédente.

<u>Soit</u> 1 galon d'huile	750Fr
1 sac de 23 Kg de farine x 75	1.725Fr
25 Kg de riz à 80 Frs	2.000Fr
<u>TOTAL</u>	<u>4.475Fr</u>

En outre le Ministère nous a prêté 10 matelas et du matériel sportif.

.../...

7. COMMENTAIRES.

Il faut noter que cette session s'est tenue dans une maison particulière louée pour le compte du SUCO, temporairement innocupée et mise à la disposition de l'Encadrement Régional. Cette solution s'avérait plus avantageuse comparativement au centre d'accueil qui revenait à 32.005Frs pour 17 personnes sans aucune boisson. Quant au C.F.N.R il n'était pas disponible et se révèle plus couteux que le centre d'accueil. Notre budget n'étant que de 31.000Frs nous ne pouvions envisager ces possibilités. En organisant nous même la session nous n'avons dépensé que 14.471 Frs de nourritures, et nous avons acheté 7 matelas avec l'argent restant. Ces matelas resteront propriété de l'Encadrement Régional, serviront à l'organisation d'autres sessions ainsi qu'à l'hébergement d'équipes sportives. En fait les matelas n'étaient pas livrés lors de la session et le Ministère de La Jeunesse nous a dépanné en apportant dix matelas du centre de Gaculiro. Plusieurs matelas étaient en mauvais état et posés sur le ciment de sorte que les Encadreurs se sont plaints des conditions précaires des dortoirs. Ils ont regretté aussi l'éloignement de la ville.

ROLAND Sage
Conseiller.